



REPUBLIKA Y'U RWANDA



KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE (NURC)

AMATEGEKO AGENGA IMIKORERE N'IMITERERE BYA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

ITEGEKO N°03/99 RYO KU WA 12/03/1999 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Twebwe, **Pasiteri BIZIMUNGU**,
Perezida wa Repubulika,

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ingingo ya mbere:

Hashyizweho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yitwa "Komisiyo" muri iri tegeko.

Komisiyo ifite icyicaro cyayo i Kigali mu Murwa Mukuru w'u

LAW N°03/99 OF 12/03/1999 ESTABLISHING THE NATIONAL UNITY AND RECONCILIATION COMMISSION

We, **Pasteur BIZIMUNGU**,
President of the Republic,

THE TRANSITIONAL NATIONAL ASSEMBLY HAD ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE LAW AS FOLLOWS AND WE ORDER THAT IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

Article one:

A commission is hereby established to be known as the National Unity and Reconciliation Commission hereafter referred to as the "Commission".

The Commission has an established Head Office in Kigali, the Capital

LOI N°03/99 DU 12/03/1999 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION NATIONALE POUR L'UNITE ET LA RECONCILIATION

Nous, **Pasteur BIZIMUNGU**,
Président de la République,

L'ASSEMBLE NATIONALE DE TRANSITION A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SWIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE.

Article premier:

Il est créé une Commission pour l'Unité et la Réconciliation Nationale, ci-après dénommée : « la Commission ».

Le siège de la Commission est établi à Kigali, Capitale du Rwanda.

Rwanda. Komisiyo ishobora kugaba amashami.

of Rwanda. The Commission may establish branch offices.

La Commission peut établir des branches.

Ingingo ya 2:

Article 2:

Article 2:

Igihe Komisiyo izamara ntikigenwe.

The Commission is established for an unspecified period.

La Commission est créée pour une durée indéterminée.

Ingingo ya 3

Article 3:

Article 3:

Inshingano z'iyi Komisiyo muri rusange ni izi zikurikira:

The functions of the Commission generally are:

La Commission a, en général, pour tâches de:

(i) Gutegura no gushyira mu bikorwa impaka rusange mu rwego rw'Igihugu zigamije guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge;

(i) To organise and oversee National Public debates aimed at promoting National Unity and Reconciliation of Rwandese;

(i) Préparer et conduire des débats a l'échelle nationale dont l'objectif est de promouvoir l'Unité et la Réconciliation du peuple Rwandais ;

(ii) Gukoresha uburyo bwose bwafasha gukangurira Abanyarwanda Ubumwe no kubushimangira;

(ii) To use all possible means that could sensitize Rwandese on Unity and to lay it on a firm foundation;

(ii) User de tous les moyens possibles en vue d'éveiller les Rwandais pour l'Unité et l'asseoir ;

(iii) Gushaka no gukwirakwiza ibitekerezo n'ibikorwa bigamije guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda no

(iii) To conceive and disseminate ideas and initiatives aimed at promoting peace among Rwandese and to inculcate the

(iii) préparer et diffuser les idées et actes éducatifs destinés à tous les échelons de la population et visant l'Unité et

gutoza Abanyarwanda b'inzego zose umuco w'imikorere myiza igamije guhuza no kunga Abanyarwanda;	culture of national Unity and reconciliation;	la Réconciliation Nationale ;
(iv) Kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko, n'imvugo bishingiye ku macakubiri;	(iv) To denounce any written or declared ideas and actions aimed at, or based on disunity;	(iv) dénoncer et combattre les actes, les écrits et langages susceptibles de promouvoir toute sorte de discrimination ;
(v) Gutegura no guhuriza hamwe gahunda y'Igihugu igamije guteza imbere ubwiyunge bw'Abanyarwanda;	(v) To prepare and coordinate the country's programme for promoting national unity and reconciliation;	(v) préparer et coordonner le programme national pour la promotion de la Réconciliation des Rwandais ;
(vi) Gukangurira Abanyarwanda uburenganzira bwabo, kubatoza kubaha uburenganzira bw'undi wese, bakubaka umuco wo kubuharira igihe cyose;	(vi) To educate Rwandese on their rights, the others and to build among them the culture of always respecting one another's rights.	(vi) Sensibiliser les rwandais leurs droits, au respect des droits des autres peuples et ériger entre eux une culture de lutte pour leurs propres droits ;
(vii) Gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko agamije kurwanya amacakubiri no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge	(vii) To give their views to the commissions charged with the responsibility of drafting laws that will foster unity and reconciliation among	(vii) Emettre des réflexions afférentes aux projets de lois visant à combattre tout sectarisme et à promouvoir l'Unité et la Réconciliation du

- | | | |
|---|--|---|
| bw'Abanyarwanda; | Rwandese and fight against disunity; | peuple Rwandais. |
| (viii) Gukurikiranira hafi uko inzego z'ubutegetsu zubahiriza inshingano y'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda; | (viii) To monitor closely whether government organs respect and observe the policy of national unity and reconciliation among Rwandese; | (viii) Suivre de près le respect par toutes les institutions des objectifs de l'Unité et la Réconciliation Nationale ; |
| (ix) Kugenzura ko amashyaka, abayobozi n'abantu bose muri rusange bubahiriza amatwara na politiki y'ubumwe n'ubwiyunge. | (ix) To monitor whether the political parties, leaders and all the people in general do respect and observe the policy of national unity and reconciliation. | (ix) Veiller au respect par les Forces Politiques, les dirigeants ainsi que toute personne, de l'idéologie de l'Unité et la Réconciliation Nationale. |

Ingingo ya 4:

Komisiyo igizwe n'abantu cumi na babiri (12). Bose ni Abanyarwanda bafite nibura imyaka 21 y'amavuko kandi barangwa no kuba indakemwa mu mico, mu myifatire kandi bafite ubushobozi.

Abagize iyo Komisiyo bashyirwaho n'iteka rya Perezida wa Repubulika abigiriwemo inama n'Inama

Ingingo ya 4:

The Commission consists of 12 members. They shall be adult Rwandese having at least 21 years of age known for their moral integrity, good behaviour and competence.

The members of the Commission are appointed by a Presidential order on the advice of the Cabinet.

Article 4:

La Commission est composée de douze (12) membres âgés d'au moins 21, de nationalité rwandaise, reconnus pour leur moralité, intégrité et compétence.

Les membres de la Commission sont nommés par un Arrêté Présidentiel en concertation avec le Conseil des

y'Abaminisitiri.

Abagize Komisiyo bahabwa igihe kitarenze imyaka itatu (3) ishobora kongerwa. Ariko na none bashobora gusimburwa igihe icyo aricyo cyose bisabwe na Perezida wa Repubulika biturutse ku mpamvu zisobanurwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko.

Abagize Komisiyo bashobora kugira akandi kazi bahemberwa.

Ingingo ya 5:

Komisiyo igira Ubunyamabanga Buhoraho buri muri Perezidansi ya Repubulika, buyobowe n'Umunyamabanga Mukuru, uri ku rwego rwa Sekereteri wa Leta. Uwo Munyamabanga Mukuru ashwirwaho n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

Umunyamabanga Mukuru ni we ushinzwe imirimo

The members of the Commission are appointed for a term of three (3) years, renewable, but may be replaced at any time by the President of the Republic for the reasons set out in article 12 of this law.

Members of the Commission can practise other remunerating activities.

Article 5:

The Commission has a Permanent Secretariat based in the Office of the President of the Republic and headed by an Executive Secretary with a rank of a Minister of State. The Executive Secretary will be appointed by a Presidential Order.

The Executive Secretary serves as the Secretary of the Commission.

Ministres.

Les membres de la Commission sont nommés pour un mandat de trois ans (3) renouvelable, mais tout membre peut être remplacé à tout moment sur demande du Président de la République pour les raisons spécifiées dans l'article 12 de la présente loi.

Les membres de la Commission peuvent exercer d'autres activités rémunérées.

Article 5 :

La Commission est dotée d'un Secrétariat Permanent rattaché à la Présidence de la République et dirigé par un secrétaire Exécutif ayant le rang de Secrétaire d'Etat. Il est nommé par un Arrêté Présidentiel.

Le Secrétaire Exécutif de la Commission assure le rôle de

y'Ubunyamabanga, kuyobora imirimo ya buri muni no kugeza raporo y'imirimo kuri Komisiyo.

He is responsible for the day to day conduct of the affairs of the Commission and shall submit regular reports to the Commission.

Secrétaire de la Commission, supervise les activités quotidiennes de la Commission. Il est responsable devant la Commission à laquelle il soumet régulièrement des rapports de travail.

Ingingo ya 6:

Komite Nyobozi ya Komisiyo igizwe n'aba bakurikira:

- Perezida;
- Visi-Perezida
- n'Umunyamabanga Mukuru.

Article 6:

The Executive Committee of the Commission is composed of the following officers:

- a President;
- a Vice- President;
- a Secretary, who is the Executive Secretary of the Permanent Secretariat provided for in article 5 of this law.

Article 6 :

Le Comité Exécutif de la Commission est Composé du :

- Président ;
- Vice-Président ;
- Secrétaire qui est le Secrétaire Exécutif stipulé dans l'article 5 de la présente loi et qui dirige le Secrétariat Permanent.

Perezida na Visi-Perezida ba Komisiyo bashyirwaho na Perezida wa Repubulika abigiriwemo inama n'Inama y'Abaminisitiri.

The President and the Vice-President of the Commission are appointed by the President of the Republic on the advice of the Cabinet.

Le Président et le Vice-Président de la Commission sont només par le Président de la République sur proposition du Conseil des Ministres.

Perezida wa Komisiyo afite inshingano zo kugenzura no

The President of the Commission has supervision over and the

Le Président de la Commission est responsable des activités de la

kuyobora imirimo n'inama za Komisiyo.

direction of the Commission and shall preside over meetings of the Commission.

Commission, il dirige en particulier toutes ses réunions.

Mu gihe Perezida wa Komisiyo yasibye, atagishoboye gutunganya imirimo ye kubera impamvu zinyuranye, cyangwa se mu gihe uwo mwanya udafite uwurimo, Visi-Perezida afite by'agateganyo inshingano n'imirimo byose bya Perezida. Iyo bombi badahari basimburwa by'agateganyo n'umwe mu bagize Komisiyo uruta abandi bose mu myaka y'amavuko.

In the event of the absence or incapacity of the President of the Commission or temporarily if that office is vacant, the Vice-President will exercise all the powers, duties and functions of the President of the Commission.

En cas d'absence du Président, d'incapacité d'exercer ses fonctions ou de vacance de poste, le Président est temporairement remplacé par le Vice-Président qui assume ses fonctions. En cas d'absence du Président et du Vice-Président, l'intérim est assuré par le membre le plus âgé de la Commission.

In the event of the absence or incapacity of the President, the latter is replaced by the Vice-President or if those offices are vacant, all the power, duties and functions of the President may be exercised or performed by the member with the most seniority in age.

Ingingo ya 7:

Komisiyo ishiraho itegeko ngengamikorere ryihariye rigena imiterere n'imikorere yayo.

Article 7:

The Commission prepares its own internal regulations, setting out, in particular, its structure and its operations.

Article 7:

La Commission élabore son règlement d'ordre intérieur particulier qui définit sa structure et son fonctionnement.

Ingingo ya 8:

Komisiyo ishyiraho abayobozi n’abakozi ba ngombwa kugira ngo ishobore gutunganya imirimo ishinzwe, bibanje kwemezwa n’Inama y’Abaminisitiri.

Ingingo ya 9:

Ingengo y’imari ya Komisiyo iva ku ngengo y’imari isanzwe ya Leta, ku mpano no ku murage. Komisiyo itegura umushinga w’ingengo y’imari yayo. Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta (Auditeur General) agenzura imikoreshereze y’imari ya Komisiyo.

Ingingo ya 10:

Komisiyo ishyikiriza raporo Perezida wa Repubulika na Guverinoma, ikagera kopi Inteko Ishinga Amategeko n’Urukiko rw’Ikirenga. Iya mbere itangwa muri Nyakanga, iy’umwaka muri Mutarama. Ishobora no gutanga

Article 8:

The Commission appoints, with the approval of the Cabinet, such officers and employees as are necessary for the conduct of its work.

Article 9:

The budget of the Commission is paid out of the ordinary budget of the State, and out of gifts, and bequeaths. The Commission prepares its own draft budget. The Auditor General of the Government audits the accounts of the Commission.

Article 10:

The Commission submits its report to the President of the Republic with a copy to the Government, the Parliament and the Supreme Court. The first report is submitted in July and the annual report in January. It may also submit a report whenever

Article 8 :

La Commission nomme, selon ses besoins et après approbation du Conseil des Ministres, des cadres et d’autres agents nécessaires pour son bon fonctionnement.

Article 9:

Le budget de fonctionnement de la Commission provient du budget ordinaire de l’Etat, des dons et legs. La Commission élabore son projet de budget. L’Auditeur General de l’Etat vérifie la gestion des fonds de la Commission.

Article10 :

La Commission transmet son rapport au Président de la République et au Gouvernement, avec copie à l’Assemblée Nationale et à la Cour Suprême. La Commission transmet son premier rapport au mois de Juillet, le rapport annuel

izindi raporo iyo bibaye ngombwa. necessary.

au mois de Janvier. La Commission peut transmettre d'autres rapports autant de fois que de besoin.

Urukiko rw'Imari ya Leta rusuzuma ireme n'ukuri by'iyo raporo mu gice cyayo cyerekeranye n'imikoreshereze y'imari. The Public Accounts Court verifies that the financial report included in the annual report is exact and true.

La Cour des Comptes vérifie l'exactitude et la véracité du rapport annuel dans sa partie relative aux dépenses financières.

Ingingo ya 11:

Article 11:

Article 11 :

Inama y'Abaminisitiri niyo igena ishimwe rihabwa abagize Komisiyo.

The Cabinet determines the allowances of the members of the Commission.

Le Conseil des Ministres détermine les indemnités des membres de la Commission.

Ingingo ya 12:

Article 12:

Article 12 :

Imirimo n'inshingano by'abagize Komisiyo birangira by'umwihariko iyo:

The functions of the members of the Commission terminate when:

Les fonctions des membres de la Commission prennent fin en cas :

- Bapfuye cyangwa basezeyeye ku mirimo yabo babisabye Perezida wa Repubulika kandi bakabyemererwa.
- Bananiwe gutunganya imirimo n'inshingano byabo cyangwa se bitwaye mu buryo butandukanye

- They die or submit their resignation to and it is accepted by the President of the Republic;
- They fail to execute their duties or fail to act in accordance with the criteria on which their

- De décès ou de démission présentée au Président de la République qui l'approuve ;
- D'incapacité d'assurer ses fonctions ou de comportement contraire aux critères de leur

n'ibyashingiweho mu itoranya ryabo; icyo gihe bakurwaho na Guverinoma, Perezida wa Repubulika agasinya amateka abakuraho.

appointment was based. In this case they are removed by the Government and the President of the Republic signs the dismissal order.

nomination.

Dans ce cas ils sont révoqués par le Gouvernement. Le Président de la République signe les actes de révocation.

Ingingo ya 13:

Iyo umwe mu bagize Komisiyo ahagaritse imirimo, asimburwa kuri uwo mwanya mu gihe kitarenze amezi atatu (3) hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko. Icyakora iyo umubare w'abagize Komisiyo ugiye mu nsi y'icya kabiri cy'abayigize, mu minsi itarenze mirongo itandatu (60) Komisiyo igomba kuzuzwa.

Article 13:

Where the functions of a member of the Commission are terminated, the vacancy is filled within 3 months in accordance with the conditions set out in article 4 of this law. However, where less than half the members of the Commission remain in office, all the vacancies shall be filled within 60 days.

Article 13 :

En cas de cessation de fonction d'un membre de la Commission, la vacance de poste est pourvue endéans trois (3) mois selon les dispositions de l'article 4 de la présente loi. Cependant, au cas où le nombre des membres de la Commission tombe en dessous de la moitié des membres de la Commission, toutes les places vacantes sont pourvues endéans soixante (60) jours.

Ingingo ya 14:

Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Ubutabera bashinzwe kubagiriza ishyingirwa mu bikorwa ry'iri tegeko.

Article 14:

The Prime Minister and Minister of Justice are responsible for the implementation of this law.

Article 14 :

Le Premier Ministre et le Ministre de la Justice sont chargés de l'exécution de la présente loi.

Ingingo ya 15:

Amategeko yose abanziriza iri kandi anyuranye naryo avanyweho.

Article 15:

All previous provisions contrary to this law are abrogated.

Article 15 :

Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 16:

Iri tegeko ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 16:

This law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 16 :

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, ku wa 12/03/1999

Kigali, 12/03/1999

Kigali, le 12/03/1999

(sé)

Pasiteri BIZIMUNGU
Perezida wa Repubulika

(sé)

Pasteur BIZIMUNGU
President of the Republic

(se)

Pasteur BIZIMUNGU
Président de la République

(sé)

Petero Selesitini RWIGEMA
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Pierre Célestin RWIGEMA
Prime Minister

(se)

Pierre Célestin RWIGEMA
Premier Ministre

(sé)

Yohani w'Imana MUCYO
Minisitiri w'Ubutabera

(sé)

Jean de Dieu MUCYO
Minister of Justice

(se)

Jean de Dieu MUCYO
Ministre de la Justice

Bibonywe kandi bishyizweho
ikirango cya Repubulika:

(sé)

Yohani w'Imana MUCYO
Minisitiri w'Ubutabera

Seen and sealed with the Seal of
the Republic:

(sé)

Jean de Dieu MUCYO
Minister of Justice

<p>ITEGEKO N°35/2008 RYO KUWA 08/08/2008 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE</p>	<p>LAW N°35/2008 OF 08/08/2008 DETERMINING THE ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL UNITY AND RECONCILIATION COMMISSION</p>	<p>LOI N°35/2008 DU 08/08/2008 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION NATIONALE DE L'UNITE ET LA RECONCILIATION</p>
--	--	---

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONENATWEDUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 26 Kamena 2008;

The Chamber of Deputies, in its session of 26 June 2008;

La Chambre des Députés, en sa séance du 26 juin 2008;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 5 Kamena 2008;

The Senate, in its session of 05 June 2008;

Le Sénat, en sa séance du 5 juin 2008;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que

Kamena 2003 nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118, iya 178 n’iya 201;

2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 178 and 201;

révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 178 et 201 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 47/2001 ryo ku wa 18/12/2001 rihana icyaha cy’ivangura n’icyo gukurura amacakubiri;

Pursuant to Law n° 47/2001 of 18/12/2001 instituting punishment for offences of discrimination and sectarianism;

Vu la Loi n° 47/2001 du 18/12/2001 portant répression des crimes de discrimination et pratique du sectarisme;

Isubiye ku Itegeko n° 03/99 ryo ku wa 12/03/1999 rishyiraho Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge nk’uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Having reviewed the Law n° 03/99 of 12/03/1999 establishing the National Unity and Reconciliation Commission as modified and complemented to date;

Revu la Loi n° 03/99 du 12/03/1999 portant création de la Commission Nationale pour l’Unité et la Réconciliation telle que modifiée et complétée à ce jour;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ:

UMUTWE WA MBERE:
INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER :
DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena imiterere n’imikorere ya Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge, yitwa

This Law determines the organization and functioning of the National Unity and Reconciliation

La présente loi détermine l’organisation et le fonctionnement de la Commission Nationale de

“Komisiyo” mu ngingo zikurikira.	Commission, hereinafter referred to as the “Commission”.	l’Unité et la Réconciliation, ci-après dénommée «Commission».
Ingingo ya 2: Icyicaró cya Komisiyo	Article 2: Head Office of the Commission	Article 2: Siège de la Commission
Icyicaró cya Komisiyo kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y’u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.	The Head Office of the Commission is situated in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.	Le siège de la Commission est établi dans la Ville de Kigali, la Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.
Ingingo ya 3: Ubwigenge bwa Komisiyo, igihe izamara n’urwego ruyireberera	Article 3: Autonomy, duration and supervising authority of the Commission	Article 3: Autonomie, durée et organe de tutelle de la Commission
Komisiyo ni urwego rw’Igihugu rwigenga, rufite ubwisanzure mu mitegekere bwite, mu micungire y’imari n’umutungo.	The Commission is an independent national institution that has administrative and financial autonomy.	La Commission est une institution nationale indépendante, dotée de l’autonomie financière et administrative.
Igihe Komisiyo izamara ntikigenwe.	The Commission is established for an indefinite duration.	La Commission est établie pour une durée indéterminée.
Komisiyo irebererwa na Perezidansi ya Repubulika.	The Commission shall be supervised by the Office of the President.	La Commission est placée sous tutelle de la Présidence de la République.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO
N'UBUBASHA BYA KOMISIYO**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES
AND POWERS OF THE
COMMISSION**

**CHAPITRE II : MISSIONS ET
POUVOIRS DE LA COMMISSION**

**Ingingo ya 4: Inshingano za
Komisiyo**

**Article 4: Responsibilities of the
Commission**

**Article 4: Missions de la
Commission**

Komisiyo ifite inshingano rusange
yo guteza imbere ubumwe
n'ubwiyunge.

The Commission shall have a
general responsibility of promoting
unity and reconciliation.

La Commission a pour mission
générale de promouvoir l'unité et la
réconciliation.

Mu nshingano zihariye zayo hari:

Particularly, the Commission shall
have the following responsibilities:

La Commission est particulièrement
chargée de :

1° kugira uruhare mu gutegura
no guhuza gahunda y'ibikorwa
by'Igihugu bigamije
gushimangira ubumwe
n'ubwiyunge;

1° contributing in planning
and coordinating national
programs for promoting unity
and reconciliation;

1° contribuer à la définition et à la
coordination des programmes
nationaux visant la promotion
de l'unité et la réconciliation ;

2° gushyiraho no guteza imbere
uburyo bwo kugarura no
gushimangira ubumwe
n'ubwiyunge;

2° setting up and developing
mechanisms meant for
restoring and consolidating
national unity and
reconciliation;

2° mettre en place et développer
les mécanismes destinés à
restaurer et à consolider l'unité
et la réconciliation nationale ;

3° guhugura no gukangurira
Abanyarwanda ku byerekeye
ubumwe n'ubwiyunge;

3° mobilizing and sensitizing
Rwandans on national unity
and reconciliation issues;

3° mobiliser et sensibiliser les
Rwandais sur des questions
relatives à l'unité et la
réconciliation ;

4° gukora ubushakashatsi,

4° carrying out research,

4° mener des recherches,

<p>gukoresha ibiganiro mpaka, gusakaza ibitekerezo no gutangaza inyandiko zerekeye amahoro, ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;</p>	<p>organising debates, disseminating information and publishing documents on peace, national unity and reconciliation;</p>	<p>organiser les conférences-débats, disséminer les informations et publier les documents sur la paix, l'unité et la réconciliation nationale;</p>
<p>5° gutanga ibitekerezo ku bikorwa byarandura amacakubiri mu Banyarwanda kandi bigashimangira ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;</p>	<p>5° providing views on activities meant to eradicate divisionism within the Rwandan society and consolidating national unity and reconciliation;</p>	<p>5° donner des avis sur des activités susceptibles de lutter contre le divisionnisme au sein de la société rwandaise et de consolider l'unité et la réconciliation nationale ;</p>
<p>6° kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ariryo ryose, kutorohera no kutihanganira abanyamahanga;</p>	<p>6° denouncing and fighting any act or document or statement meant to sow sowing any form of divisionism and xenophobia;</p>	<p>6° dénoncer et lutter contre tout acte, écrit ou toute déclaration destinés à semer toute forme de divisionnisme et de xénophobie ;</p>
<p>7° gukora raporo buri mwaka n'igihe bibaye ngombwa ku bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;</p>	<p>7° preparing reports on national unity and reconciliation annually and at any time as deemed necessary ;</p>	<p>7° établir chaque année et aussi souvent que nécessaire des rapports sur l'unité et la réconciliation nationale;</p>
<p>8° gukurikiranira hafi uko inzego za Leta, iz'abikorera, imiryango itari iya Leta, abayobozi n'Abanyarwanda muri rusange bubahiriza</p>	<p>8° monitoring as to how public and private institutions, civil society, leaders and Rwandans in general comply with the national unity and</p>	<p>8° faire le suivi de la façon dont les institutions publiques et privées, la société civile, les autorités et les Rwandais en général respectent les</p>

amahame na politiki
by'ubumwe n'ubwiyunge
bw'Abanyarwanda.

reconciliation principles and
policies.

principes et les politiques
d'unité et réconciliation
nationale.

**Ingingo ya 5: Inzego Komisiyo
ishyikiriza gahunda y'ibikorwa
na raporo**

Komisiyo ishyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika na Sena gahunda na raporo y'ibikorwa byayo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) ya mbere y'umwaka ukurikiyeho, ikagenera kopi Guverinoma, Umutwe w'Abadepite n'Urukiko rw'Ikirenga.

Komisiyo ishyikiriza kandi Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga raporo zihariye ku bikorwa byose yamenye biciye mu maperereza cyangwa ku bushakashatsi bwayo ku bibazo bibangamiye ubumwe n'ubwiyunge hashingiwe ku nshingano Komisiyo ihabwa n'iri tegeko.

**Article 5: Organs to which the
Commission submits its plan of
action and activity report**

The Commission shall, within a period not exceeding the first three (3) months of the following year, submit its plan of action and activity report to the President of the Republic and the Senate and reserve a copy for the Cabinet, the Chamber of Deputies and the Supreme Court.

The Commission shall also submit to the President of the Republic, Parliament, Cabinet and Supreme Court special reports on any act it knew through investigations or research on issues that prejudice the national unity and reconciliation in accordance with responsibilities conferred to it by this Law.

**Article 5: Organes destinataires
du plan d'action et du rapport
d'activités de la Commission**

La Commission soumet, dans un délai ne dépassant pas les trois (3) premiers mois de l'exercice suivant, au Président de la République et au Sénat son plan d'action et son rapport d'activités et réserve une copie au Gouvernement, à la Chambre des Députés et à la Cour Suprême.

La Commission soumet également au Président de la République, au Parlement, au Gouvernement et à la Cour Suprême des rapports spéciaux de tout acte porté à sa connaissance grâce à ses investigations ou à ses recherches sur les questions portant atteinte à l'unité et la réconciliation nationale conformément aux attributions que lui confère la présente loi.

Ingingo ya 6: Itangaza rya raporo za Komisiyo

Komisiyo itangaza raporo zayo z’umwaka imaze kuzishyikiriza Perezida wa Repubulika na Sena.

Ingingo ya 7: Ishyirwaho ry’amategeko ngengamikorere ya Komisiyo

Bitabangamiye ibiteganywa n’iri tegeko, Komisiyo yishyiriraho amategeko ngengamikorere yayo.

UMUTWE WA III: ABAGIZE KOMISIYO N’INZEGO ZAYO

Icyiciro cya mbere: Abakomiseri bagize Komisiyo

Ingingo ya 8: Umubare w’Abakomiseri n’ibyo bagomba kuba bujuje

Komisiyo igizwe n’Abakomiseri

Article 6: Publication of the Commission’s report

The Commission shall publish its annual reports subsequent to its submission to the President of the Republic and the Senate.

Article 7: Establishment of the internal rules and regulations of the Commission

Without prejudice to the provisions of this Law, the Commission shall establish its own internal rules and regulations.

CHAPTER III: MEMBERS AND ORGANS OF THE COMMISSION

Section One: Commissioners of the Commission

Article 8: Number of the Commissioners and requirements

The Commission shall be comprised

Article 6 : Publication du rapport de la Commission

La Commission publie ses rapports annuels après l’avoir soumis au Président de la République et au Sénat.

Article 7: Elaboration du Règlement d’Ordre intérieur de la Commission

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, la Commission élabore son règlement d’ordre intérieur.

CHAPITRE III : MEMBRES DE LA COMMISSION ET SES ORGANES

Section première : Commissaires de la Commission

Article 8: Nombre des Commissaires et conditions requises

La Commission est composée de

cumi na babiri (12).	of twelve (12) commissioners.	douze (12) membres.
Kugira ngo umuntu abe Umukomiseri, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:	To be a commissioner, the person shall fulfil the following conditions:	Pour être Commissaire, il faut remplir les conditions suivantes :
1° kuba ari Umunyarwanda;	1° to be a Rwandan;	1° être Rwandais;
2° kuba ari inyangamugayo;	2° to be a person of integrity;	2° être intègre;
3° kuba adakurikiranyweho icyaha cya jenocide;	3° not to have been prosecuted of the crime of genocide;	3° ne pas être poursuivi pour crime de génocide ;
4° kuba atagaragaraho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide n'amacakubiri;	4° not to be characterised by genocide ideology and sectarian practice;	4° ne pas faire montre d'indices d'idéologie du génocide et du sectarisme;
5° kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) nta subikagihano;	5° not to have been definitively sentenced to a sentence equal to or exceeding six (6) months without suspension;	5° n'avoir pas été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à (6) mois sans sursis ;
6° kuba afite ubushobozi n'ubushishozi mu mirimo asabwa.	6° to possess capacity and wisdom in respect of the duties assigned to him/her.	6° faire preuve de compétence et de discernement dans ses fonctions.

Ingingo ya 9: Uko Abakomiseri bashyirwaho na manda yabo

Article 9: Procedure for the appointment of Commissioners and their tenure

Article 9: Modalités de nomination et mandat des Commissaires

Guverinoma ishyikiriza Sena amazina y'Abakomiseri kugira

The Cabinet shall submit the names of Commissioners to approval

Le Gouvernement soumet les noms des Commissaires à l'approbation

ngo Sena ibemeze. Abakomiseri bemewe na Sena bashyirwaho n'Iteka rya Perezida. by the Senate. Commissioners approved by the Senate shall be appointed by a Presidential Order. du Sénat. Les Commissaires approuvés par le Sénat sont nommés par Arrêté Présidentiel.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'Abakomiseri bagomba kuba ari abagore. At least thirty per cent (30%) of the Commissioners shall be women. Au moins trente pour cent (30%) des Commissaires sont du sexe féminin.

Manda y'Abakomiseri ni imyaka itatu (3) ishobora kongerwa. The tenure of the commissioners shall be three (3) years renewable. Les Commissaires ont un mandat de trois (3) ans renouvelable.

Ingingo ya 10: Ibigenerwa Abakomiseri

Article 10: Benefits entitled to Commissioners

Article 10: Avantages alloués aux Commissaires

Ibigenerwa Abakomiseri bigenwa n'Iteka rya Perezida.

A Presidential Order shall determine the benefits to be entitled to Commissioners.

Les avantages alloués aux Commissaires sont déterminés par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 11: Impamvu zituma Umukomiseri ava ku murimo

Article 11: Reasons for removal of a Commissioner

Article 11: Perte de qualité de Commissaire

Kuva mu mirimo k'umwe mu bagize Komisiyo guturuka kuri imwe mu mpamvu zikurikira:

A Commissioner shall vacate his/her office if:

Un Commissaire cesse sa fonction dans l'un des cas suivants :

- 1° kwegura ku bushake;
- 2° kuvanwa ku mirimo n'urwego rwamushyizeho;

- 1° he/she voluntary resigns;
- 2° he/she is removed from office by the organ that appointed

- 1° démission volontaire;
- 2° révocation par l'autorité de nomination ;

3° kunanirwa gutunganya imirimo n'inshingano ze bitewe n'uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe n'Inama y'abaganga yashyizweho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;	him/her; 3° he/she is no longer able to perform his/her functions due to illness or disability certified by a panel of medical doctors chosen by the Minister in charge of health;	3° défaut de remplir sa mission suite à une maladie ou incapacité attestée par une Commission médicale nommée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions ;
4° kuba atacyujuje ibyashingiweho bamutoranya	4° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment,	4° constat qu'il ne remplit plus les conditions requises sur base desquelles il avait été nommé ;
5° kugaragarwaho imyitwarire igayitse;	5° he/she is found guilty of misconduct;	5° comportement indigne;
6° urupfu.	6° he/she dies.	6° décès.

Ukwegura k'Umukomiseri kumenyeshwa Perezida wa Repubulika mu ibaruwa ishinganye cyangwa ifite icyemezo kigaragaza ko yakiriwe. Iyo igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kirenze nta gisubizo, ukwegura gufatwa nk'aho kwemewe.

The resignation of a Commissioner shall be tendered in to the President of the Republic through a recorded delivery letter or with an acknowledgment of receipt. If a period of thirty (30) days elapses with no response, the resignation shall be presumed as approved.

La démission d'un des Commissaires est présentée au Président de la République par une lettre recommandée ou avec accusé de réception. Passé le délai de trente (30) jours sans suite, la démission est réputée acceptée.

Ingingo ya 12: Isimburwa ry'Umukomiseri

Article 12: Replacement of a Commissioner

Article 12: Remplacement d'un Commissaire

Iy umwe mu Bakomiseri ahagaritse

In case one of the Commissioners

En cas de cessation de fonctions,

imirimo, yeguye, cyangwa avuyemo ku zindi mpamvu, Perezida wa Komisiyo abimenyesha Perezida wa Repubulika, akagera kopi Sena na Guverinoma mu gihe kitarenze iminsi umunani (8).

Guverinoma yohereza Sena mu gihe kitarenze amezi atatu (3) amazina y'abantu bujuje ibyangombwa bivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 8 y'iri tegeko.

Ariko iyo umubare w'Abakomiseri ugiye muni ya batandatu (6), mu minsi itarenze mirongo itandatu (60) ugomba kuba wujujwe.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Abakomiseri avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda irangira, Ubuyobozi bwamushyizeho bushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye. Iyo avuyemo hasigaye

ceases to carry out his/her functions, resigns, leaves due to any other grounds, the Chairperson of the Commission shall notify the President of the Republic and reserve a copy to the Senate and to the Cabinet within a period not exceeding eight (8) days.

The Cabinet shall submit to the Senate, within a period not exceeding three (3) months, names of candidates who fulfil the requirements referred to in paragraph 2 of Article 8 of this Law.

However, where the number of Commissioners is less than six (6), it shall be constituted within a period not exceeding sixty (60) days.

In case a member of the Council of Commissioners vacates his/her function before the expiration of his/her tenure, the appointing authority shall appoint his/her replacement to complete the remaining term of office. Where

de démission, ou d'arrêt d'emploi pour des raisons diverses d'un des Commissaires, le Président de la Commission en informe le Président de la République, réserve une copie au Sénat et au Gouvernement dans un délai ne dépassant pas huit (8) jours.

Le Gouvernement propose au Sénat, dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois, les noms des candidats qui remplissent les conditions requises à l'alinéa 2 de l'article 8 de la présente loi.

Toutefois, lorsque le nombre des Commissaires est inférieur à six (6), il est comblé dans un délai ne dépassant pas soixante (60) jours.

Si un membre du Conseil des Commissaires perd sa qualité de membre avant l'expiration du mandat, l'autorité de nomination désigne le remplaçant. Celui-ci termine le mandat de celui qu'il a remplacé. Au cas où le membre du

amezi atandatu (6) ntasimburwa.	he/she vacates office six months (6) before the expiration of his/her tenure, the member of the Council shall not be replaced.	Conseil perd sa qualité dans les six (6) mois qui précèdent l'expiration de son mandat, il n'est pas remplacé.
Icyiciro cya 2: Inzego za Komisiyo	Section 2: Organs of the Commission	Section 2: Organes de la Commission
Ingingo ya 13: Inzego z'ubuyobozi	Article 13: Administrative Organs	Article 13: Organes administratifs
Inzego z'ubuyobozi ni izi zikurikira:	The administrative Organs shall be the following:	Les organes administratifs sont les suivants :
1° Inama y'Abakomiseri;	1° the Council of Commissioners;	1° Le Conseil des Commissaires ;
2° Biro ya Komisiyo;	2° the Bureau of the Commission;	2° Le Bureau de la Commission ;
3° Ubunyamabanga Buhoraho.	3° the Permanent Secretariat.	3° Le Secrétariat Permanent.
Akiciro ka mbere: Inama y'Abakomiseri	Subsection one: Council of Commissioners	Sous-section première: Conseil des Commissaires
Ingingo ya 14: Uko Inama y'Abakomiseri iterana n'uko ifata ibyemezo	Article 14: Procedure by which the Council of Commissioners holds meetings and mode of taking decisions	Article 14: Tenue des réunions du Conseil des Commissaires et modalités de prise de décisions
Inama y'Abagize Komisiyo ni rwo rwego rukuru rwa Komisiyo.	The Council of Commissioners shall be the supreme Organ of the Commission.	Le Conseil des Commissaires est l'organe suprême de la Commission.

Iterana rimwe mu kwezi mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Mu nama idasanzwe, Inama iterana iyo habonetse nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abitabiriye inama. icyakora ibyemezo birebana na raporo bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

Inama y'Inama y'Abakomiseri itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi Perezida mu gihe Perezida adahari.

Akiciro ka 2: Biro ya Komisiyo n'inshingano zayo

Ingingo ya 15: Ubuyobozi bwa Komisiyo

It shall meet once a month in an ordinary meeting and at any time it is deemed necessary.

The Council shall meet in an extraordinary session in the presence of at least two thirds (2/3) of its members. Its decisions shall be taken on the absolute majority vote of its members. However, decisions relating to reports of the Commission shall be taken by consensus of members present at the meeting.

The meeting of Council of the Commissioners Council shall be convened and chaired by the Chairperson of the Commission or by the Vice Chairperson in case of the absence of the Chairperson.

Subsection 2: Bureau of the Commission and its responsibilities

Article 15: Management of the Commission

Il se réunit une fois par mois en session ordinaire et chaque fois que de besoin.

En session extraordinaire, il se réunit si au moins deux tiers (2/3) de ses membres sont présents. Ses décisions sont prises à la majorité absolue de ses membres. Toutefois, les décisions relatives au rapport de la Commission sont prises par consensus des membres présents à la réunion.

La réunion du Conseil des Commissaires est convoquée et dirigée par le Président de la Commission ou par le Vice Président en cas d'absence du Président.

Sous -section 2 : Bureau de la Commission et ses attributions

Article 15: Direction de la Commission

Komisiyo iyoborwa na Perezida akunganirwa na Visi Perezida, bakaba bombi bagize Biro ya Komisiyo.

The Commission shall be headed by its Chairperson, assisted by the Vice Chairperson. Both of them shall be members of the Bureau of the Commission.

La Commission est dirigée par son Président, assisté d'un Vice-Président. Ils composent tous deux le Bureau de la Commission.

Perezida na Visi Perezida batoranywa na Guverinoma mu bagize Komisiyo, bakemezwa na Sena.

The Chairperson and Vice Chairperson shall be chosen by the Cabinet from among the members of the Commission and approved by the Senate.

Le Président et le Vice-président sont choisis par le Gouvernement parmi les Commissaires et confirmés par le Sénat.

Biro ya Komisiyo ifata ibyemezo byihutirwa igihe Inama y'Abagize Komisiyo itabashije guterana bikemezwa burundu n'Inama y'abagize Komisiyo mu nama yayo ikurikira.

Where the Council of the Commission cannot meet, the Bureau of the Commission shall take urgent decisions to be finally approved by the next meeting of the members of the Council of Commission.

Le Bureau de la Commission prend les décisions urgentes au cas où le Conseil des Commissaires ne peut pas se réunir, et celles-ci sont soumises à l'approbation définitive de la séance suivante des membres du Conseil des Commissaires.

U m u n y a m a b a n g a Nshingwabikorwa ajya mu nama ya Biro akayibera umwanditsi. Atanga ibitekerezo ariko nta ruhare agira mu gufata ibyemezo.

The Executive Secretary shall attend the meetings of the Bureau and act as its rapporteur. He/she shall give opinions but shall not be allowed to vote during decision making.

Le Secrétaire Exécutif assiste aux réunions du Bureau et en est le rapporteur. Il donne des avis mais ne participe pas au vote.

Ingingo ya 16: Inshingano za Perezida wa Komisiyo

Perezida wa Komisiyo ashinzwe:

- 1° gutumiza no kuyobora inama z’abagize Komisiyo;
- 2° gutegura ingingo zigwa mu nama z’abagize Komisiyo;
- 3° guhagararira Komisiyo imbere y’amategeko;
- 4° gushyikiriza raporo za Komisiyo inzego zabigenewe ziteganywa n’ingingo ya 5 y’iri tegeko;
- 5° gukora imirimo yose yasabwa n’Inama y’Abagize Komisiyo ijyanye n’inshingano zayo.

Ingingo ya I7: Inshingano za Visi Perezida wa Komisiyo

Visi Perezida wa Komisiyo ashinzwe:

Article 16: Responsibilities of the Chairperson of the Commission

The Chairperson of the Commission shall be responsible for:

- 1° convening and presiding over Commission meetings;
- 2° preparing the agenda for the Commission meetings;
- 3° representing the Commission before the law;
- 4° submitting the Commission’s reports to the relevant institutions referred to in Article 5 of this Law;
- 5° performing such other duties as may be assigned to him/her by the Council of Commissioners which relate to the Council’s mission.

Article 17: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission

The Deputy Chairperson of the Commission shall be responsible for:

Article 16: Attributions du Président de la Commission

Le Président de la Commission a les attributions suivantes :

- 1° convoquer et présider les réunions de la Commission;
- 2° préparer l’ordre du jour des réunions de la Commission;
- 3° Représenter la commission devant la loi;
- 4° transmettre les rapports de la Commission aux organes habilités visés à l’article 5 de la présente loi;
- 5° exécuter toute autre tâche lui assignée par le Conseil des Commissaires en rapport avec ses attributions.

Article 17: Attributions du Vice-Président de la Commission

Le Vice-Président de la Commission a les attributions suivantes :

- 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;
- 2° gukora imirimo yose yababwira n'Inama y'Abagize Komisiyo ijyanye n'inshingano za Komisiyo.

- 1° assisting the Chairperson and replacing him in case of his/her absence;
- 2° performing such other duties as may be assigned to him/her by the Council of Commissioners relating to the responsibilities of Commission.

- 1° assister le Président dans ses fonctions et le remplacer en cas d'absence ou d'empêchement ;
- 2° faire toute autre tâche lui confiée par le Conseil des Commissaires rentrant dans les attributions de la Commission.

Ingingo ya 18: Itumizwa ry'inama igihe Perezida na Visi Perezida badahari

Iyo Perezida na Visi Perezida badahari cyangwa batagishoboye gukora akazi kabo, mu gihe batarasimburwa nk'uko bigenwa n'iri tegeko, Umukomiseri mukuru mu myaka atumiza inama, abagize Inama y'Abakomiseri bakitoramo uyobora inama.

Article 18: Convening of the meeting in the absence of the Chairperson and the Vice Chairperson.

In the absence of both the Chairperson and the Vice Chairperson or if they are unable to exercise their functions at the same time during which they are not yet replaced as prescribed by this Law, the eldest Commissioner shall convene the meeting of the Council of Commissioners to elect among them the Chairperson of the meeting.

Article 18: Convocation de la réunion en cas d'absence du Président et du Vice-Président.

En cas d'absence ou d'incapacité simultanée du Président et du Vice-président et en attendant qu'ils soient remplacés conformément à la présente loi, le Doyen des Commissaires convoque la réunion du Conseil des Commissaires qui élit en son sein le Président de la réunion.

Ingingo ya 19: Uko Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashwirwaho

Komisiyo igira Ubunyamabanga Buhoraho buyoborwa n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa, ushirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'intebe.

Ingingo ya 20: Inshingano z' Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashinzwe:

- 1° guhuza ibikorwa bya Komisiyo;
- 2° gufata ibyemezo byihutirwa igihe Inama y'Abagize Komisiyo cyangwa Biro itabashije guterana bikazemezwa burundu n'inama y'Inama y'abagize Komisiyo ikurikira;
- 3° kuyobora imirimo ya buri muni ya Komisiyo;

Article 19: Appointment of the Executive Secretary

The Commission shall have a permanent Secretariat headed by an Executive Secretary appointed by a Prime Minister's Order.

Article 20: Responsibilities of the Executive Secretary

The Executive Secretary shall be responsible for:

- 1° coordinating the Commission's activities;
- 2° taking urgent decisions where the Council of Commissioners or Bureau could not convene and such decisions shall be subjected to a final approval by the next meeting of the Council of Commissioners.
- 3° supervising the daily activities of the Commission;

Article 19: Nomination du Secrétaire Exécutif

La Commission est dotée d'un Secrétariat permanent dirigé par un Secrétaire Exécutif nommé par un arrêté du Premier Ministre.

Article 20 : Attributions du Secrétaire Exécutif

Le Secrétaire Exécutif est chargé de :

- 1° assurer la coordination des activités de la Commission ;
- 2° prendre les décisions urgentes au cas où la Commission ou le Bureau ne peut se réunir, et ces décisions sont soumises à l'approbation définitive de la séance suivante de la réunion du Conseil des Commissaires ;
- 3° assurer la gestion quotidienne des activités de la Commission ;

- | | | |
|--|--|---|
| 4° gukora imirimo y'ubwanditsi bw'Inama y'Abagize Komisiyo; | 4° performing the secretarial activities of the Council of Commissioners; | 4° assurer le secrétariat du Conseil des Commissaires ; |
| 5° gukurikiranira hafi no gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya Komisiyo; | 5° managing personnel, equipment and assets of the Commission; | 5° gérer le personnel, les équipements et le patrimoine de la Commission ; |
| 6° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Komisiyo; | 6° preparing the draft budget proposal of the Commission; | 6° préparer l'avant-projet de budget de la Commission ; |
| 7° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano ze. | 7° performing any other duty as may be assigned by the Council of Commissioners relating to his/her mission; | 7° exercer toute autre tâche que peut lui confier le Conseil des Commissaires en rapport avec sa mission; |

UMUTWE WA IV: ABAKOZI N'INGENGO Y'IMARI BYA KOMISIYO

CHAPTER IV: PERSONNEL AND BUDGET OF THE COMMISSION

CHAPITRE IV : PERSONNEL ET BUDGET DE LA COMMISSION

Ingingo ya 21: Abakozi bunganira Komisiyo

Article 21: Support staff of the Commission

Article 21: Personnel d'appui de la Commission

Abakozi ba Komisiyo bashyirwaho hakurikijwe amategeko rusange agenga abakozi ba Leta.

The staff of the Commission shall be appointed in accordance with the general statute governing Rwanda public service.

Le personnel de la Commission est recruté conformément au statut général de la Fonction Publique Rwandaise.

Ingingo ya 22: Umutungo wa Komisiyo, aho ukomoka n’uko ugenzurwa

Umutungo wa Komisiyo ugizwe n’ibintu byimukanwa n’ibitimukanwa.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ingengo y’imari igenerwa na Leta;
- 2° cyangwa inkunga zaba iza Leta iz’abaterankunga;
- 3° impano n’indagano.

Umutungo wa Komisiyo ugenzurwa n’Umugenzuzi Mukuru w’imari ya Leta.

Ingingo ya 23 Itegurwa ry’imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari

Komisiyo itegura imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ikayishyikiriza Minisitiri

Article 22: Property of the Commission, its source and audit

The property of the Commission shall comprise of the movable and immovable.

Its assets shall come from the following sources:

- 1° State budget;
- 2° Government or donor grants;
- 3° donations and bequests.

The assets of the Commission shall be audited by the Auditor General of States Finances.

Article 23: Preparation of the draft budget proposal

The Commission shall elaborate its draft budget proposal to be submitted to the Minister in charge

Article 22: Patrimoine de la Commission, sa source et son audit

Le patrimoine de la Commission comprend les biens meubles et immeubles.

Il provient des sources suivantes :

- 1° les dotations budgétaires de l’Etat ;
- 2° les subventions de l’Etat ou des donateurs ;
- 3° les dons et legs.

L’audit du patrimoine de la Commission est effectué par l’Auditeur Général des Finances de l’Etat.

Article 23: Elaboration de l’avant-projet de budget

La Commission élabore l’avant-projet de son budget et le soumet au Ministre ayant les finances dans

ufite imari mu nshingano ze kugira ngo yemezwe n’Inama y’Abaminisitiri.

of finance for approval by the Cabinet.

ses attributions pour approbation par le Conseil des Ministres.

UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N’IZISOZA

CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

CHAPTRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Ingingo ya 24: Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri tegeko

Article 24: Abrogating provisions

Article 24: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z’amategeko abanziriza iri zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 25: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 25: Commencement

Article 25: Entrée en vigueur

Iri Tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 08/08/2008

Kigali, on 08/08/2008

Kigali, le 08/08/2008

**Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)**

**The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)**

**Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)**

Minisitiri w'Intebe

The Prime Minister

Le Premier Ministre

**MAKUZA Bernard
(sé)**

**MAKUZA Bernard
(sé)**

**MAKUZA Bernard
(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho
Ikirango cya Repubulika :**

**Seen and sealed with the Seal of
the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la
République:**

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa
Nkuru ya Leta

The Minister of Justice / Attorney
General

Le Ministre de la Justice/ Garde des
Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse
(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse
(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse
(sé)**

ITEGEKO N° 40/2013 RYO KUWA 16/06/2013 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 35/2008 RYO KUWA 08/08/2008 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

LAW N° 40/2013 OF 16/06/2013 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 35/2008 OF 08/08/2008 DETERMINING THE ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL UNITY AND RECONCILIATION COMMISSION

LOI N° 40/2013 DU 16/06/2013 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 35/2008 DU 08/08/2008 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION NATIONALE DE L'UNITE ET LA RECONCILIATION

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONENATWEDUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 12 Ukuboza 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 12 December 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du 12 décembre 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 25 Werurwe 2013;

The Senate, in its session of 25 March 2013;

Le Sénat, en sa séance du 25 mars 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 40, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 178 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko no 35/2008 ryo kuwa 08/08/2008 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere: Inshingano za Komisiyo

Ingingo ya 4 y'Itegeko no 35/2008 ryo kuwa 08/08/2008 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 40, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 178 and 201;

Having reviewed Law n° 35/2008 of 08/08/2008 determining the organisation and functioning of the National Unity and Reconciliation Commission, especially in Article 4;

ADOPTS:

Article One: Mission of the Commission

Article 4 of Law n° 35/2008 of 08/08/2008 determining the Organisation and Functioning of the National Unity and Reconciliation Commission is modified and complemented as follows:

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 40, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 178 et 201;

Revu la Loi n° 35/2008 du 08/08/2008 portant organisation et fonctionnement de la Commission Nationale de l'Unité et la Réconciliation, spécialement en son article 4;

ADOPTÉ:

Article premier: Missions de la Commission

L'article 4 de la Loi n° 35/2008 du 08/08/2008 portant organisation et fonctionnement de la Commission Nationale de l'Unité et la Réconciliation est modifié et complété comme suit:

“Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge ifite inshingano rusange yo guteza imbere no kwimakaza ubumwe n’ubwiyunge bw’Abanyarwanda.

“The overall mission of the National Unity and Reconciliation Commission shall be to promote national unity and reconciliation among Rwandans.

« La Commission Nationale de l’Unité et la Réconciliation a pour mission générale de promouvoir l’unité et la réconciliation nationale.

By’umwihariko Komisiyo ishinzwe:

In particular, the Commission shall be responsible for:

La Commission est particulièrement chargée de:

1° gutegura no guhuza gahunda y’ibikorwa by’Igihugu bigamije ubumwe n’ubwiyunge;

1° planning and coordinating national programs meant for promoting unity and reconciliation;

1° planifier et coordonner les programmes et les activités nationaux visant la promotion de l’unité et de la réconciliation;

2° gushyiraho no guteza imbere uburyo bwo gushimangira ubumwe n’ubwiyunge;

2° setting up and promoting mechanisms for consolidating unity and reconciliation;

2° mettre en place et développer les mécanismes destinés à consolider l’unité et la réconciliation;

3° gutanga inama no gukangurira Abanyarwanda ibyerekeye ubumwe n’ubwiyunge;

3° advising and sensitizing Rwandans on national unity and reconciliation issues;

3° conseiller et sensibiliser les Rwandais sur des questions relatives à l’unité et à la réconciliation;

4° gukora ubushakashatsi, gukoresha ibiganiro mpaka, gusakaza ibitekerezo no gutangaza inyandiko bigamije gufata ingamba nshya zo kurushaho kubaka ubumwe n’ubwiyunge

4° conducting research, organising debates, disseminating initiatives and publishing documents aimed at putting in place new strategies designed to enhance unity and reconciliation among

4° mener des recherches, organiser des conférences-débats, disséminer des initiatives et publier les documents visant la mise en place de nouvelles stratégies visant le renforcement de

	bw'Abanyarwanda;	Rwandans;	l'unité et de la réconciliation entre les Rwandais;
5°	gushyiraho ingamba z'ibikorwa byarandura amacakubiri mu Banyarwanda bo mu gihugu n'ababa hanze, bigamije kurushaho kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda;	5° developing strategic measures designed to eradicate divisions among Rwandans within and outside the country for the reinforcement of national unity and reconciliation;	5° élaborer les mesures stratégiques visant l'éradication des divisions entre les Rwandais vivant au pays et à l'étranger pour le renforcement de l'unité et la réconciliation nationale;
6°	kugaragaza, kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ari ryo ryose ryakorwa cyangwa ryakorerwa Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;	6° describing, denouncing and fighting any act or document or statement meant to fuel any form of discrimination by or against a Rwandan or a foreigner;	6° exposer, dénoncer et combattre les actes, les écrits et le langage visant à semer toute forme de discrimination à l'égard d'un Rwandais ou étranger ou faite par un Rwandais ou un étranger;
7°	gukora raporo buri mwaka n'igihe bibaye ngombwa ku miterere y'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;	7° making status reports on national unity and reconciliation annually and at any time deemed necessary;	7° faire le rapport annuellement et chaque fois que de besoin sur l'état de l'unité et la réconciliation nationale;
8°	gukurikiranira hafi uko inzego za Leta n'iz'abikorera, imiryango nyarwanda itari iya Leta cyangwa imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorerwa mu Rwanda, abayobozi n'Abanyarwanda muri rusange	8° closely making follow up on how public and private institutions, local or international non-governmental organizations operating in Rwanda, leaders and Rwandans in general, comply with the national unity	8° suivre de près la façon dont les institutions publiques et privées, les organisations non gouvernementales de droit rwandais ou internationales œuvrant au Rwanda, les autorités et les Rwandais

- | | | |
|---|--|---|
| bubahiriza amahame na politiki by'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda; | and reconciliation principles and policies; | en général, respectent les principes et les politiques d'unité et de réconciliation nationale; |
| 9° gukorana n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga zifite ibikorwa bifite aho bihurira n'inshingano za Komisiyo mu rwego rwo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge." | 9° collaborating with other local or foreign institutions whose activities are related to the responsibilities of the Commission for the promotion of unity and reconciliation." | 9° collaborer avec d'autres institutions au niveau national ou à l'étranger dont les activités sont liées aux attributions de la Commission en vue de la promotion de l'unité et de la réconciliation.» |

Ingingo ya 2: Ububasha bwa Komisiyo

Itegeko no 35/2008 ryo kuwa 08/08/2008 rigena Imiterere n'Imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ryongewemo ingingo ya 4 bis iteye ku buryo bukurikira:

"Ingingo ya 4 bis: Ububasha bwa Komisiyo

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifite ububasha bukurikira:

Article 2: Powers of the Commission

Law n° 35/2008 of 08/08/2008 determining the organisation and functioning of the National Unity and Reconciliation Commission is supplemented by Article 4 bis, worded as follows:

"Article 4 bis: Powers of the Commission

The National Unity and Reconciliation Commission shall have the following powers:

Article 2: Pouvoirs de la Commission

La Loi n° 35/2008 du 08/08/2008 portant organisation et fonctionnement de la Commission Nationale de l'Unité et la Réconciliation est complétée par l'article 4 bis libellé comme suit :

« Article 4 bis: Pouvoirs de la Commission

Les pouvoirs de la Commission Nationale de l'Unité et la Réconciliation sont les suivants:

- | | | |
|---|---|---|
| <p>1° kwakira no gusuzuma ibibazo byose bibangamira ubumwe n'ubwiyunge;</p> <p>2° gukurikirana no gucukumbura ku buryo bwimbitse ibikorwa ibyo ari byo byose byabangamira ubumwe n'ubwiyunge.</p> | <p>1° to receive and consider all issues that constitute an obstacle to unity and reconciliation;</p> <p>2° to make follow up and conduct thorough investigation into all the issues which may hinder unity and reconciliation.</p> | <p>1° recevoir et examiner toutes les questions entravant l'unité et la réconciliation ;</p> <p>2° faire le suivi et mener des enquêtes approfondies sur toutes les questions susceptibles d'entraver l'unité et la réconciliation.</p> |
|---|---|---|

Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gukurikirana no gukora icukumbura ryimbitse ku bikorwa bibangamira ubumwe n'ubwiyunge.”

A Presidential Order shall determine modalities for monitoring and conducting thorough investigation of all acts hindering unity and reconciliation.”

Un arrêté présidentiel détermine les modalités de suivi et d'enquête approfondie sur toutes les questions entravant l'unité et la réconciliation. »

Ingingo ya 3: Itegerwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 3: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 3: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 4: Repealing provision

Article 4: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amategeko

All prior legal provisions

Toutes les dispositions légales

abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo, zivanyweho.

Ingingo ya 5: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 16/06/2013

(sé)

KAGAME Paul

Perezida wa Repubulika

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre
Damien**

Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho
Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa
Nkuru ya Leta

inconsistent with this Law are hereby repealed.

Article 5: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 16/06/2013

(sé)

KAGAME Paul

President of the Republic

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre
Damien**

Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of
the Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice / Attorney
General

antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 5: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 16/06/2013

(sé)

KAGAME Paul

Président de la République

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre
Damien**

Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la
République :**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des
Sceaux

ITEKA RYA PEREZIDA N° 03/01 RYO KU WA 19/01/2015 RIGENA UBURYO BWO GUKURIKIRANA NO GUKORA ICUKUMBURA RYIMBITSE KU BIKORWA BIBANGAMIRA UBUMWE N'UBWIYUNGE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, n'iya 201;

Dushingiye ku Itegeko n° 35/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye nk'uko ryahinduwe kandi ryujuzwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4 bis;

Bisabwe na Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika;

PRESIDENTIAL ORDER N° 03/01 OF 19/01/2015 DETERMINING THE MODALITIES FOR MONITORING AND CONDUCTING THOROUGH INVESTIGATION OF THE ACTS HINDERING UNITY AND RECONCILIATION

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 113, and 201;

Pursuant to Law n° 35/2008 of 08/08/2008 determining the organization and functioning of the National Unity and Reconciliation Commission as modified and complemented to date, especially in Article 4 bis;

On proposal by the Minister in the Office of the President of the

ARRETE PRESIDENTIEL N° 03/01 DU 19/01/2015 DETERMINANT LES MODALITES DE SUIVI ET DE FAIRE UNE ENQUETE APPROFONDIE SUR LES ACTES ENTRAVANT L'UNITE ET LA RECONCILIATION

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113, et 201;

Vu la Loi n° 35/2008 of 08/08/2008 portant organisation et fonctionnement de la Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation telle que modifiée complétée à ce jour, spécialement en son article 4 bis;

Sur proposition du Ministre à la Présidence de la République ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/11/2014, imaze kubisuzuma no kubyemeza;	Republic; After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 12/11/2014;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministre, en sa séance du 12/11/2014;
TWATEGETSE DUTEGETSE:	KANDI HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:	AVONS ARRETE ET ARRETONS:
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER: PROVISIONS GENERALES
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	Article One: Purpose of this Order	Article premier: Objet du présent arrêté
Iri teka rigamije kugena uburyo Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ikurikirana kandi igakora icukumbura ryimbitse ku bikorwa bibangamira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda hagamijwe kubwubaka no kububungabunga.	This Order determines modalities used by the National Unity and Reconciliation Commission for monitoring and carrying out in depth analysis on acts hindering unity and reconciliation of Rwandans with the aim of rebuilding and maintaining Rwandan unity.	Le présent arrêté vise à déterminer les modalités utilisées par la Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation pour faire le suivi et mener des analyses approfondies sur les actes entravant l'unité et réconciliation des rwandais avec l'objectif de maintenir l'unité des rwandais.
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	Article 2: Definitions of terms	Article 2: Définitions des termes
Muri iri teka amagambo akurikira	In this Order, the following terms	Aux termes du présent arrêté,

afite ibisobanuro bikurikira:

1° **Ikurikirana:** Kugenzura ishyirwa mu bikorwa n'iyubahirizwariy'amahame na politiki by'ubumwe n'ubwiyunge hagamijwe kubungabunga ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

2° **Icukumbura ryimbitse:** gukusanya amakuru ku gikorwa cyose gishobora kubangamira ubumwe n'ubwiyunge hagamijwe guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;

3° **Ibikorwa:** Imyitwarire yose igaragarira mu magambo cyangwa inyandiko cyangwa ubundi buryo ubwo aribwo bwose bubangamira ubumwe n'ubwiyunge;

4° **Komisiyo:** Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

shall have the following meanings:

1° **Monitoring:** following up the implementation of principles and policy of unity and reconciliation with the purpose of maintaining Rwandan unity;

2° **In depth analysis:** gathering information on any act that may hinder unity and reconciliation with an aim of fostering national unity and reconciliation;

3° **Acts:** any conduct manifested through a speech or a document or any other means that hinders unity and reconciliation;

4° **Commission:** National Unity and Reconciliation Commission.

les termes ci-après ont les significations suivantes :

1° **Suivi:** s'assurer de la mise en application des principes et de la politique d'unité et réconciliation avec l'objectif de maintenir l'unité des rwandais ;

2° **l'analyse approfondie:** Collecter les informations sur tout acte qui peut entraver l'unité et réconciliation avec l'objectif de promouvoir l'unité et réconciliation nationale ;

3° **Les Actes :** toute conduite se manifestant en paroles, écrits ou tout autre moyen qui peut entraver l'unité et la réconciliation ;

4° **Commission:** Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation.

Ingingo ya 3: Ibirebwa n’iri teka

Iri teka rigena ikurikirana n’icukumbura ryimbitse ku bikorwa ibyo aribyo byose byabangamira ubumwe n’ubwiyunge hagamijwe guteza imbere ubumwe bw’Abanyarwanda.

Ingingo ya 4: Abafite ububasha bwo gukurikirana no gukora icukumbura ryimbitse

Kugira ngo Komisiyo ishobore kugera ku nshingano yo kunga abanyarwanda, Abakomiseri ba Komisiyo bafite ububasha bwo gukurikirana no gukora icukumbura ryimbitse ku bikorwa bishobora kubangamira ubumwe n’ubwiyunge mu Rwanda no muri Ambasande z’u Rwanda.

Byemejwe n’inama y’Abakomiseri, abandi bakozi ba Komisiyo bashobora guhabwa ububasha mu nyandiko iriho umukono wa Perezida wa Komisiyo, bwo gukora

Article 3: Scope of application

This Order regulates the monitoring and making of in depth analysis of all acts which may hinder unity and reconciliation with the aim of fostering unity of Rwandans.

Article 4: Competent authorities to monitor and carry out in depth analysis

For the Commission to be able to fulfill its mission of uniting Rwandans, Commissioners of the Commission shall have the competence to monitor and carry out in depth analysis on acts that may hinder unity and reconciliation in Rwanda, Rwandan embassies and High Commissions.

Upon approval of the council of commissioners, other staff of the Commission may be given a written authorization signed by the president of the commission,

Article 3: Champ d’application

Le présent arrêté régit le suivi et la façon de faire l’analyse approfondie, sur les actes susceptibles d’entraver l’unité et réconciliation en vue de promouvoir l’unité des rwandais.

Article 4: Autorités compétentes pour faire le suivi et l’analyse approfondie

Pour que la Commission soit en mesure de remplir la mission de réconcilier les rwandais, les Commissaires de la Commission ont la compétence de faire le suivi et mener une analyse approfondie sur les actes entravant l’unité et la réconciliation au Rwanda et dans ses Ambassades.

Après l’approbation du conseil des commissaires, le Président de la Commission peut donner une autorisation écrite signée par lui à d’autres agents de la Commission

icukumbura ryimbitse ku bikorwa bishobora kubangamira ubumwe n'ubwiyunge.

to carry out in depth analysis on acts that may hinder unity and reconciliation.

résident de la commission, pour faire le suivi et une analyse approfondie sur les actes entravant l'unité et la réconciliation.

Ingingo ya 5: Ibubujijwe abashinzwe gukora icukumbura ryimbitse

Article 5: Prohibitions to the people in charge of carrying out in depth analysis

Article 5: Interdiction aux personnes chargées de faire l'analyse approfondie

Umukomiseri cyangwa umukozi wa Komisiyo ufite ububasha bwo gukora icukumbura ryimbitse ku bikorwa bishobora kubangamira ubumwe n'ubwiyunge, abujijwe:

A commissioner or any other staff of the commission competent to carry out in depth analysis on acts hindering unity and reconciliation is prohibited from:

Un commissaire ou un agent de la commission avec la compétence de faire une analyse approfondie sur les actes qui entravent l'unité et la réconciliation est interdit:

1^o gukoresha ubwo bubasha mu rwego rwa Leta cyangwa urwigenga cyangwa mu muryango uwo ariwo wose afitemo inyungu;

1^o exercising such competence in a public or private institution or any organisation in which he/she has any conflict of interest;

1^o d'exercer cette compétence dans une institution publique ou privée ou toute autre organisation dans la quelle il peut avoir un conflit d'intérêt ;

2^o kwitwara nk'umugenzacyaha cyangwa umushinjacyaha igihe akora icukumbura ryimbitse ku bikorwa bishobora kubangamira ubumwe n'ubwiyunge.

2^o conducting him/herself as a judicial police officer or a prosecutor while carrying out such in depth analysis.

2^o se comporter comme un officier de police judiciaire ou un officier de poursuite judiciaire dans l'exercice de faire l'analyse approfondie.

UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUKURIKIRANA NO GUCUKUMBURA BYIMBITSE KU BIBANGAMIRA UBUMWE N'UBWIYUNGE

Ingingo ya 6: Uburyo bwifashishwa

Mu gukurikirana no gukora icukumbura ryimbitse ku bibangamira ubumwe n'ubwiyunge, Komisiyo yifashisha uburyo bukurikira:

- 1^o Kujya mu rwego urwo arirwo rwose ruvugwamo ibibazo bishobora kubangamira ubumwe n'ubwiyunge hagamijwe kumenya imizi yabyo kugira ngo hafatwe ingamba zo guteza imbere ubumwe bw'abanyarwanda;
- 2^o Kugirana ibiganiri n'umuyobozi uwo ariwe wese w'urwego ruvugwamo ibibazo bibangamiye ubumwe

CHAPTER II: MODALITIES TO MONITOR AND CONDUCT IN DEPTH ANALYSIS ON ACTS HINDERING UNITY AND RECONCILIATION

Article 6: Modalities to be used

The Commission shall use the following modalities while monitoring and conducting in depth analysis on acts hindering unity and reconciliation:

- 1^o visiting any institution that is suspected of having acts that may hinder the unity and reconciliation in order to understand their cause and to take appropriate strategies fostering unity of Rwandans;
- 2^o holding discussions with any head of an institution that is suspected of having acts that may hinder the unity and reconciliation with

CHAPITRE II: MODALITES POUR SUIVRE ET MENER UNE ANALYSE APPROFONDIE SUR LES ACTES ENTRAVANT L'UNITE ET RECONCILIATION

Article 6: Modalités utilisées

Pour faire le suivi et mener une analyse approfondie sur les actes entravant l'unité et la réconciliation, la commission utilise les modalités ci-dessous :

- 1^o mener les visites dans toutes les institutions susceptibles des actes entravant l'unité et réconciliation en vue d'en connaître les sources, afin de prendre des stratégies appropriées de promouvoir l'unité des rwandais;
- 2^o faire les entrevues avec une quelconque autorité d'une institution qui est soupçonnée d'avoir commis des actes entravant l'unité et

<p>n'ubwiyunge hagamijwe kwimakaza indagagaciro z'ubumwe n'ubwiyunge muri urwo rwego;</p>	<p>aim of sustaining unity and reconciliation values in that particular institution;</p>	<p>la réconciliation dans le but de maintenir les valeurs d'unité et réconciliation;</p>
<p>3^o Kwakira no gutega amatwi undi muntu wese ufite amakuru ku bibazo bikekwa cyangwa byagaragaye nk'imbogamizi z'ubumwe n'ubwiyunge;</p>	<p>3^o receiving and listening any person with information related to acts suspected or considered as a hindrance to unity and reconciliation;</p>	<p>3^o recevoir et écouter toute personne ayant des informations relatives à des actes suspects ou considérés comme une entrave à l'unité et la réconciliation ;</p>
<p>4^o Gutegura ibibazo byanditse no kubisabaho ibisubizo kugira ngo hasesengurwe impamvu nyakuri zibangamiye ubumwe n'ubwiyunge;</p>	<p>4^o gathering information through a pre- established questionnaire for an in-depth analysis to establish the real causes that hinder the unity and reconciliation;</p>	<p>4^o collecter les informations par le biais d'un questionnaire pré-établi pour une analyse approfondie en vue de déterminer les causes réelles qui entravent l'unité et la réconciliation;</p>
<p>5^o Gukoresha ubundi buryo bwemewe n'amategeko Komisiyo yabona ko ari ngombwa bwayifasha kuzuza neza inshingano zayo zo kubaka ubumwe bw'abanyarwanda.</p>	<p>5^o using any other legally accepted modalities and approaches that can enable the Commission to fulfil its mission of rebuilding the unity of Rwandan.</p>	<p>5^o utiliser d'autres modalités établies par la loi et approches que la Commission trouve appropriés pour remplir sa mission de bâtir l'unité des rwandais.</p>

**Ingingo ya 7: Imikoranire n'izindi
nzego**

**Article 7: Collaboration with
other Organs**

**Article 7 : Collaboration avec
d'autres Organes**

Urwego rwa Leta cyangwa
urwigenga cyangwa umuryango

Upon a request by the commission,
any public or private Institution,

A la demande de la Commission,
toute institution publique

nyarwanda utari uwa Leta, umuryango mvamahanga utari wa Leta ukorera mu Rwanda, umuryango ushingiyeye kw'idini n'izindi nzego zakenerwa zigomba korohereza no gufasha Komisiyo gukora icukumbura ryimbitse ku bikorwa bibangamira ubumwe n'ubwiyunge mu nzego zabyo igihe zibisabwe kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo zo kunga abanyarwanda.

Ingingo ya 8: Raporo y'ibyavuye mu icukumbura ryakozwe

Komisiyo ishyikiriza Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga raporo y'icukumbura ryimbitse yakoze ku bikorwa bibangamiye ubumwe n'ubwiyunge.

local or international non-governmental organization, religious based organisation and other institutions shall facilitate and assist the commission in carrying out in depth analysis on acts hindering unity and reconciliation in their respective jurisdiction so that the Commission may fulfil its mission of uniting Rwandans.

Article 8: Report of in depth analysis

The Commission submits to the President of the Republic, Parliament, Cabinet and Supreme Court reports on in depth analysis carried out on any act hindering the national unity and reconciliation.

ou privée, organisation non gouvernemental de droit rwandais ou international œuvrant au Rwanda, toute confession religieuse et autres institutions qui seraient nécessaires doivent faciliter et assister la Commission à la réalisation de l'analyse approfondie des actes qui entravent l'unité et la réconciliation dans les limites de leurs compétences afin que la Commission puisse remplir sa mission de réconcilier les rwandais.

Article 8: Rapport des résultats issus de l'analyse approfondie

La Commission soumet au Président de la République, au Parlement, au Gouvernement et à la Cour Suprême les rapports des résultats issus des analyses approfondies sur les actes entravant l'unité et la réconciliation.

Ingingo ya 9: Ibanga mu icukumbura ryimbitse

Umukomiseri cyangwa umukozi wese wa Komisiyo wahawe inshingano zo gukora icukumbura ryimbitse ku bikorwa bibangamira ubumwe n’ubwiyunge, ategetswe kugira ibanga ry’akazi.

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 10: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w’Intebe na Minisitiri muri Perezidansi basabwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 11: Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka

Ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanweho.

Article 9: Confidentiality in depth analysis

A commissioner or any other staff assigned to carry out in depth analysis on acts hindering unity and reconciliation shall be bound by professional secrecy.

CHAPITER III: FINAL PROVISIONS

Article 10: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister and the Minister in the Office of the President are entrusted with the implementation of this Order.

Article 11: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 9: Confidentialité dans l’analyse approfondie

Un commissaire ou un agent de la commission assigné à faire l’analyse approfondie sur des actes qui entravent l’unité et la réconciliation est tenue par le secret professionnel.

CHAPITRES III. DISPOSITIONS FINALES

Article 10 : Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre et la Ministre à la Présidence sont chargés de l’exécution du présent arrêté.

Article 11 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 19/01/2015

(sé)

KAGAME Paul

Perezida wa Repubulika

(sé)

MUREKEZI Anastase

Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho
Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa
Nkuru ya Leta

Article 12: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 19/01/2015

(sé)

KAGAME Paul

President of the Republic

(sé)

MUREKEZI Anastase

Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of
the Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney
General

Article 12: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 19/01/2015

(sé)

KAGAME Paul

Président de la République

(sé)

MUREKEZI Anastase

Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la
République:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/ Garde des
Sceaux

AMATEGEKO NGENGAMIKORERE YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE YO KU WA 25/04/2017

Hashingiwe ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'U Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo yaryo ya 139 ;

Hashingiwe ku Itegeko N°35/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere n'imikorere bya komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko N°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta;

Inama y'Abakomiseri yateranye ku wa 25/04/2017 imaze gusuzuma umushinga w'amategeko ngengamikorere yayo no kuwemeza;

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ishyizeho amategeko ngengamikorere yayo azayifasha gushyira mu bikorwa inshingano zayo.

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere : Abarebwa n'aya mategeko

Aya mategeko ngengamikorere areba ubuyobozi n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

Ingingo ya 2 : Intego y'amategeko ngengamikorere

Aya mategeko ngengamikorere agamije kugena imikorere n'imikoranire y'inzezo za Komisiyo.

Ingingo ya 3 : Ibisobanuro by'amagambo

Amagambo ari muri iyi ngingo akoresheye muri aya mategeko ngengamikorere asobanura ibi bikurikira:

Komisiyo : Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge

Komiseri : Umwe mu bagize Inama y'Abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge

Perezida : Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge Umunyamabanga Nshingwabikorwa : Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge

Ingingo ya 4 : Inama za Komisiyo

Komisiyo ikora inama zisanzwe, ishobora gukora n'inama zidasanzwe.

Inama zidasanzwe ziga gusa ibiri ku murongo w'ibiyigwa.

Inama za Komisiyo zikorwa mu ruhame. Inama zishobora no gukorwa mu muhezo byemejwe n'abitabiriye inama ku bwumvikane busesuye.

Inama za Komisiyo zishobora gutumirwamo undi muntu wese ufite icyo yazungura ariko ntabe mu bafata ibyemezo.

Ingingo ya 5 : Inyandikomvugo z'inama

Inyandikomvugo z'inama za Komisiyo zikorwa mu Kinyarwanda, zishobora gukorwa no mu rundi rurimi mu zemewe gukoreshwa mu butegetsi bwa Leta.

Inyandikomvugo z'inama zishyirwaho umukono n'uwayoboye inama hamwe n'umwanditsi wayo.

UMUTWE WA II: INZEGO ZA KOMISIYO N'INSHINGANO ZAZO

Ingingo ya 6: Inzego zigize Komisiyo

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge igizwe n'inzego zikurikira:

1. Inama y'Abakomiseri;
2. Biro ya Komisiyo;
3. Ubunyamabanga Buhoraho.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri, uko iterana n'inshingano zayo

Ingingo ya 7: Inshingano z'Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri ni rwo rwego rukuru rwa Komisiyo, rugizwe n'Abakomiseri bashyirwaho hakurikije uburyo buteganywa n'itegeko.

Inama y'Abakomiseri ifite inshingano zikurikira:

- Gufata ingamba zatuma ibikubiye mu itegeko rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo bishyirwa mu bikorwa;
- Gushyiraho Amategeko Ngengamikorere ya Komisiyo;
- Gutegura umushinga wa Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo;
- Kwemeza umushinga w'ingengo y'imari;
- Gusuzuma no Kwemeza raporo y'ibikorwa n'imirere z'umutungo bya Komisiyo;
- Gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko agamije kurwanya amacakubiri no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge;
- Gufata ibyemezo ku

madosiye yose ya Komisiyo ku bakekwaho ko babangamiye gahunda y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mbere yo kuyashyikiriza urwego rubishinzwe;

- Guha ubutumwa bwihariye Umukomiseri cyangwa itsinda ry'Abakomiseri iyo bibaye ngombwa;
- Gutanga ibitekerezo ku miterere y'inzego z'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Buhoraho.

Ingingo ya 8: Inshingano za buri Komiseri

Komiseri wa Komisiyo afite inshingano zikurikira:

- Kubahiriza ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri;
- Kwitabira inama z'Inama y'Abakomiseri;
- Kwitabira ubutumwa yoherejwemo no kubutangira raporo;

- Gutanga ibitekerezo ku cyateza imbere gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Kwitabira ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge mu Karere ashinzwe no kubisangiza Inama y'Abakomiseri;
- Gukurikiranira hafi no kugira uruhare mu bikorwa bya Komisiyo.

Ingingo ya 9: Ubutumire bw'inama y'Inama y'Abakomiseri

Inyandiko y'ubutumire bw'inama y'Inama y'Abakomiseri igomba kugaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, igihe n'aho izabera. Inyandiko y'ubutumire bw'inama isanzwe y'Abakomiseri igomba kubashyikirizwa nibura iminsi 5 mbere y'uko inama iterana. Iyo ari inama idasanzwe, ubutumire bushobora gushyikirizwa Abakomiseri mbere y'uko inama iterana.

Ingingo ya 10: Kwitabira inama y'Abakomiseri

Inama isanzwe y'Inama y'Abakomiseri yitabirwa n'Abakomiseri bose. Umukomiseri utitabiriye inama inshuro eshatu zikurikiranye nta mpamvu ifatika yamenyesheje mbere y'inama, akorerwa raporo na Perezida igashyikirizwa inzego zibishinzwe.

Ingingo ya 11: Iterana ry'Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri iterana mu nama zayo zisanzwe buri wa kabiri wa nyuma w'ukwezi cyangwa undi muni wagenwa na Biro ya Komisiyo ukamenyeshwa abagize Inama y'Abakomiseri. Iterana kandi mu nama zidasanzwe iyo byemejwe na Biro ya Komisiyo cyangwa se bisabwe Perezida mu nyandiko na ¼ cy'Abakomiseri bagaragaza ibyajya ku murongo w'ibyigwa. Iyo Perezida atabashije gutumira inama yasabwe n'Abakomiseri,

inama y'Abakomiseri ikurikiraho iteranye mu nama yayo isanzwe ibishyira ku murongo w'ibygwa iyo abari babisabye bakibona ko ari ngombwa.

Inama y'Abakomiseri iteranira ku cyicaro cya Komisiyo cyangwa ahandi Biro ya Komisiyo yakwemeza, ibiri ku murongo w'ibygwa bikemezwa n'Inama y'Abakomiseri.

Ingingo ya 12: Uyobora inama z'Inama y'Abakomiseri

Inama z'Abakomiseri zitumizwa kandi zikayoborwa na Perezida wa Komisiyo. Iyo atabonetse asimburwa na Visi-Perezida. Iyo bombi batabonetse, Umukomiseri uruta abandi mu myaka ni we uyitumira, abagize Inama y'Abakomiseri bakitoramo uyiyobora.

Ingingo ya 13: Ifatwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri ifata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo yitabiriwe na 2/3 by'Abakomiseri bari mu mirimo ya Komisiyo. Ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abitabiriye inama. Ibyemezo birebana na raporo bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo ubwiganze burunduye bw'amajwi budashoboye kuboneka hafatwa akaruhuko k'iminota yemezwa n'uyoboye inama, bitashoboka hagasubikwa ingingo itemeranyijweho iyo bishoboka ko yategereza ikazagarukwaho ikindi gihe, amajwi akomeje kungana hakoreshwa tombora.

Ingingo ya 14: Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri

Ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri bishyirwaho umukono n'umuyoboye

inama hamwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, ishyirwa mu bikorwa ryabyo rigakurikiranwa n'Ubunyamabanga Buhoraho bwa Komisiyo.

Icyiciro cya 2. Biro ya Komisiyo, uko iterana n'inshingano zayo

Ingingo ya 15: Abagize Biro ya Komisiyo n'uko iterana

Biro ya Komisiyo igizwe n'aba bakurikira:

- Perezida;
- Visi-Perezida;

U m u n y a m a b a n g a Nshingwabikorwa ayibera Umwanditsi.

Biro ya Komisiyo iterana igihe cyose bibaye ngombwa.

Ingingo ya 16: Inshingano za Perezida

Perezida wa Komisiyo afite inshingano zikurikira:

- Gutumira no kuyobora inama z’Inama y’Abakomiseri;
- Gutegura ingingo zigwa mu nama z’Inama y’Abakomiseri;
- Guhagararira Komisiyo imbere y’amategeko;
- Gushyikiriza raporo za Komisiyo inzego ziteganywa n’itegeko;
- Gukora imirimo yose yasabwa n’Inama y’Abagize Komisiyo.

Ingingo ya 17: Inshingano za Visi Perezida

Visi Perezida wa Komisiyo afite inshingano zikurikira:

- Kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;

- Gukora imirimo yose yasabwa n’Inama y’Abakomiseri.

Ingingo ya 18: Inshingano za Biro ya Komisiyo

Biro ya Komisiyo ifite inshingano zikurikira:

1. Gufata ibyemezo byihutirwa igihe Inama y’Abakomiseri itabashije guterana bikemezwa burundu n’Inama y’Abakomiseri mu nama ikurikira;
2. Gutegura ibikorwa byihutirwa bishyikirizwa Inama y’Abakomiseri;
3. Gutegura ingingo zigwa mu nama y’ Inama y’Abakomiseri;
4. Kugena Abakomiseri bajya mu butumwa;
5. Kugira inama Komiseri wagaragaweho ibikorwa binyuranye n’inshingano ze.

Icyiciro cya 3. Ubunyamabanga Buhoraho bwa Komisiyo

Ingingo ya 19: Abagize Ubunyamabanga Buhoraho

Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge ifite Ubunyamabanga Buhoraho bugizwe n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa, abakozi bakora imirimo ya buri muni bari ku mbonerahamwe y’imirimo ya Komisiyo n’abandi bakozi bashyirwaho bibaye ngombwa hakurikijwe amategeko n’amabwiriza abigenga.

Ingingo ya 20: Inshingano z’Ubunyamabanga Buhoraho

Ubunyamabanga Buhoraho bufite inshingano yo gutunganya imirimo ya buri muni ya Komisiyo.

Ingingo ya 21: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Umunyamabanga Nshingwabikorwa afite inshingano zikurikira:

- -Guhuza ibikorwa bya Komisiyo;
- -Kuyobora imirimo ya buri muni ya Komisiyo;
- -Gufata ibyemezo byihutirwa igihe inama y'Inama y'Abakomiseri cyangwa Biro itabashije guterana bikazemezwa burundu n'inama y'Inama y'Abakomiseri ikurikira;
- -Gukora imirimo y'ubunyamabanga bw'Inama y'Abakomiseri n'ubwa Biro ya Komisiyo;
- -Gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya Komisiyo hakurikijwe amategeko abigenga;
- -Gutumira no kuyobora inama z'abakozi

hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga;

- -Kugeza raporo y'ibikorwa n'iyi imikoreshereze y'imari ku Nama y'Abakomiseri;
- -Gukora undi murimo uri mu nshingano ze yashingwa n'Inama y'Abakomiseri.

Ingingo ya 22: Iyoborwa ry'imirimo ya buri muni

Imirimo ya buri muni ya Komisiyo iyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, cyangwa umusimbura we;

Iyo Umunyamabanga Nshingwabikorwa adashoboye kubonekaasimburwaby'agateganyo n'umukozi wa Komisiyo wabihirwa ububasha n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa . Igihe Umunyamabanga Nshingwabikorwa atabonetse ngo ashyireho umusimbura we,

ashyirwaho na Biro ya Komisiyo.

Icyiciro cya 4: Igenamigambi n'ishyirwa mu bikorwa ryayo

Ingingo ya 23: Gutegura gahunda z'ibikorwa

Komisiyo itegura buri gihe gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire (strategic plan) ishingiraho gahunda z'ibikorwa z'igihe gito (action plan).

Buri mwaka Komisiyo itegura gahunda y'ibikorwa kandi igashyikirizwa inzego ziteganywa n'amategeko.

Ingingo ya 24: Guhuza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari

Hashingiwe ku ngengo y'imari yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko, bitarenze tariki 10 Nyakanga za buri mwaka, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ategura gahunda y'ibikorwa igashyikirizwa abo

bireba kandi akageza “cash flow“ kuri Minisiteri ishinzwe imari bitarenze tariki ya 15 Nyakanga. Iyo gahunda y’ibikorwa ni nayo abakozi bose bashingiraho bategura imihigo yabo.

Ingingo ya 25: Gutegura gahunda na raporo z’ibikorwa

Abakozi ba Komisiyo bakora gahunda na raporo z’ibikorwa buri kwezi, buri gihembwe, buri mwaka n’ikindi gihe byaba ngombwa.

Hashingiwe kuri raporo na gahunda z’ibikorwa z’abakozi bayobora, abayobozi ba serivisi bageza ku Munyamabanga Nshingwabikorwa raporo na gahunda z’ibikorwa ku buryo bukurikira:

Raporo z’ukwezi bitarenze tariki eshanu (5) z’ukwezi gukurikira, raporo z’igihembwe bitarenze tariki cumi n’eshanu (15) z’ukwezi gukurikira.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ageza gahunda na raporo z’ibikorwa by’igihembwe ku Nama y’Abakomiseri bitarenze impera z’ukwezi gukurikira igihembwe. Ageza kandi umushinga wa gahunda y’ibikorwa by’umwaka utaha na raporo y’ibikorwa by’umwaka ushize ku nama y’Abakomiseri bitarenze amezi abiri (2) umwaka utangirwa raporo urangiye.

Ingingo ya 26: Gukora isuzumabikorwa

Isuzumabikorwa ry’ibikorwa bya Komisiyo rikorwa ku buryo bukurikira:

Buri nyuma y’igihembwe ku rwego rwa serivisi, bigatangirwa raporo bitarenze tariki ya 15 y’ukwezi gukurikira igihembwe;

Buri nyuma y’amezi atandatu (6) na nyuma y’umwaka ku rwego rwa Komisiyo hashingiwe

ku byateguriwe muri za serivisi. Umunyamabanga Nshingwabikorwa ageza raporo yabyo ku Nama y’Abakomiseri.

Icyiciro cya 5 : Itumanaho n’iherekeranyamakuru

Ingingo ya 27: Guhererekanya amakuru muri Komisiyo

Mu rwego rwo guhererekanya amakuru ajyanye n’akazi, Abakomiseri n’abakozi ba Komisiyo bakoresha uburyo bw’inama, kuvugana kuri telefoni, inyandiko zisanzwe n’izinyujijwe mu buryo bw’ikoranabuhanga.

Ingingo ya 28: Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo

Komisiyo ishyiraho uburyo butandukanye bwo kugeza amakuru ku Banyarwanda, ku bafatanyabikorwa n’abandi bayakeneye. Ubwo buryo bushobora kuba inama, itangazamakuru,

ikoranabuhanga n'ubundi buryo bwakoroshya kandi bukihutisha ibikorwa bya Komisiyo.

Ingingo ya 29: Kumenyekanisha amakuru areba Komisiyo

Umukozi ushinzwe itumanaho ni we umenyekanisha amakuru areba Komisiyo. Mu kumenyekanisha amakuru, uwo mukozi agisha inama Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo igihe bibaye ngombwa.

Icyiciro cya 6: Gutanga ububasha mu nzego za Komisiyo

Ingingo ya 30: Itangwa ry'ububasha mu kazi

Itangwa ry'ububasha rireba imicungire y'imari n'abakozi, gusinya no kwemeza inyandiko z'akazi, guhagararira Komisiyo mu bikorwa binyuranye, gutanga amakuru arebana n'ibikorwa bya Komisiyo.

Ubuyobozi bwa Komisiyo bushobora kugena ibindi bishobora gutangirwa ububasha hashingiwe ku mahame avugwa muri iyi ngingo.

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko asanzwe, Perezida wa Komisiyo ashobora guha Umukomiseri cyangwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa ububasha bwo gukora imwe mu mirimo iri mu nshingano ze;

U m u n y a m a b a n g a Nshingwabikorwa wa Komisiyo na we ashobora guha undi mukozi wa Komisiyo ububasha bwo gukora imwe mu mirimo iri mu nshingano ze.

Ingingo ya 31: Amahame y'itangwa ry'ububasha

1. Itangwa ry'ububasha rikorwa mu nyandiko y'utanga ububasha igaragaza icyo ubwo

bubasha butangiwe n'igihe buzamara;

2. Uwatanze ububasha ashobora kubwambura uwo yabuhaye igihe cyose bibaye ngombwa;
3. Uwahawe ububasha agomba kubahiriza amategeko mu ishyirwa mu bikorwa ry'ububasha yahawe, atayubahiriza akaba ariwe ubiryoza;
4. Uwahawe ububasha ntiyemerewe kugira undi abuha;
5. Uwahawe ububasha agomba gutanga buri gihe raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano yaherewe ububasha.

Icyiciro cya 7: Imitangire ya serivisi

Ingingo ya 32: Kwakira no kwandika abashyitsi

Mu rwego rwo kwakira no kumenya abashyitsi basuye Komisiyo, umukozi ubishinzwe yandika mu gitabo cyabigenewe umwirondoro w'abashyitsi na serivisi bakeneye, bagahabwa ikibaranga cyabugenewe.

Abashyitsi b'imena bagenerwa igitabo kihariye (Livre d'Or/ Golden Book) kibikwa kandi kigacungwa n'umukozi ushinze itumanaho muri Komisiyo.

Ingingo ya 33: Ibimenyekanisha ibiro by'umukozi

Kuri buri biro by'umukozi wa Komisiyo hashyirwaho inyandiko igaragaza amazina, ifoto na telefone by'umukozi ubikorera, serivisi atanga, telefone n'amazina

by'umukuriye mu kazi.

Ingingo ya 34: Agasanduku k'ibitekerezo

Mu rwego rwo kurushaho kunoza serivisi, Komisiyo ishira agasanduku k'ibitekerezo abayigana banyuzamo ibyifuzo byabo ku mitangire ya serivisi. Buri muni w'akazi, itsinda rigizwe n'umukozi ushinze itumanaho ari hamwe n'ushinze imicungire y'abakozi ndetse n'umukozi wo mu Bunyamabanga rusange riragafungura rigakorera raporo Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku byo basanzemo.

Ingingo ya 35: Ubwuzuzanye hagati ya serivisi zigize Ubunyamabanga Buhoraho

Mu kurangiza neza inshingano za Komisiyo, serivisi zigize Ubunyamabanga Buhoraho n'ubuyobozi bwa Komisiyo

biruzuzanya.

Umukozi ushaka kwifashisha undi utari muri serivisi ayobora abyumvikanaho n'ukuriye umukozi mu kazi bikamenyeshwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa mbere. Icyakora, igihe uwo mukozi akenewe mu gihe kirenze umunsi umwe (1) byemezwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa.

UMUTWE WA III. IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO

Ingingo ya 36: Uburyo bw'imikoranire

Mu rwego rwo kurangiza neza inshingano zayo, Komisiyo ikorana n'izindi nzego hashingiwe ku nshingano z'izo nzego, zishobora kuba iza Leta, izitari iza Leta n'imiryango mpuzamahanga.

Iyo mikoranire ishobora gushingira ku masezerano agamije gufashanya no kunganirana mu kurangiza neza inshingano za Komisiyo n'izo nzego.

Ingingo ya 37: Imyitwarire y'abari mu nzego za Komisiyo

Imyitwarire y'abari mu nzego za Komisiyo igomba gushingira ku ndangagaciro zikurikira:

1. Gukunda igihugu;
2. Kubahiriza amategeko n'amabwiriza;
3. Gukorera mu mucyo no mu bwisanzure;
4. K u t a b o g a m a , kuba umunyakuri n'inyangamugayo;
5. Kubahana no kwita ku bagana Komisiyo;

Ingingo ya 38: Ibibujijwe abari mu nzego za Komisiyo.

Uwo ariwe wese muri Komisiyo abujijwe:

1. Kuja mu bikorwa byo kugambanira no kubuza umudendezo igihugu;
2. Gukoresha umwanya w'akazi mu nyungu ze bwite;
3. Kunyereza no gukoresha nabi umutungo wa Leta;
4. Kumena ibanga ry'akazi;
5. Kwaka ruswa no kuyitanga;
6. Kugira ingengabitekerezo ya jenoside, amacakubiri n'ivangura iryo ariryo ryose;
7. Kwiyandarika no gukora ikindi cyose cyabangamira imigendekere myiza y'akazi ka Komisiyo;

Ingingo ya 39: Isuzumamikorere

Buri mezi atandatu (6) na buri mwaka, abayobozi ku nzego zitandukanye cyangwa komite yashyizweho n'umuyobozi ubifitiye ububasha bakorera buri mukozi isuzumamikorere hashingiwe ku musaruro w'imihigo y'ibikorwa yagezeho n'imyitwarire ye, bikemezwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha, bimaze kuganirwaho n'umukozi bireba.

Ingingo ya 40: Raporo y'isuzumamikorere

Bitarenze itariki ya 15 Kanama za buri mwaka, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ageza ku nama y'Abakomiseri raporo y'isuzumamikorere y'abakozi ba Komisiyo.

Ingingo ya 41: Ishimwe ku mukozi wahize abandi

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi

mategeko abigenga, buri mwaka umukozi wahize abandi agenerwa ishimwe ryemezwa n'Inama y'Abakomiseri.

Atoranywa hashingiwe ku manota y'imikorere n'imitangire ya serivisi by'isuzumabushobozi ry'umwaka uheruka rifata 60% n'amanota ahabwa n'abakozi bose b'Ubunyamabanga Buhoraho bakurikije ukwibwiriza kwe, imikoranire ye n'imibanire n'abandi bihabwa 40%.

Icyiciro cya 8: Ubugenzuzi muri Komisiyo

Ingingo ya 42: Uko ubugenzuzi bukorwa

Komisiyo ikorerwa ubugenzuzi buri muni n'umukozi ushinzwe ubugenzuzi.

Umukozi ushinzwe ubugenzuzi muri Komisiyo akora gahunda y'ubugenzuzi buzakorwa mu mwaka, ikemezwa na Komite ishinzwe ubugenzuzi muri Komisiyo (Audit Committee) akagera kopi Umunyamabanga Nshingwabikorwa hamwe n'abayobozi ba serivisi zizakorerwa ubugenzuzi imaze kwemezwa.

Umukozi ushinzwe ubugenzuzi muri Komisiyo agomba gukora raporo y'ibikorwa by'ubugenzuzi buri kwezi akayishyikiriza Umunyamabanga Nshingwabikorwa na raporo y'igihembwe akayishyikiriza Komite ishinzwe Ubugenzuzi muri Komisiyo (Audit Committee) akagera kopi Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'Umugenzuzi Mukuru muri Minisiteri ishinzwe imari. Komite ishinzwe ubugenzuzi

muri Komisiyo igeza ku nama y'Abakomiseri raporo y'ubugenzuzi yakoze buri gihembwe.

UMUTWE WA IV. INGINGO ZINYURANYE N'IZISOSA

Ingingo ya 43: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mategeko ngengamikorere

Ingingo zose z'amategeko ngengamikorere abanziriza aya zivanyweho.

Ingingo ya 44: Igihe aya mategeko ngengamikorere atangira gukurikizwa

Aya mategeko ngengamikorere atangira gukurikizwa ku muni ashyiriweho umukono.

Kigali, ku wa 25/04/2017

sé
Bishop RUCYAHANA John
Perezida wa Komisiyo

sé
NDAYISABA Fidèle
Umunyamabanga Nshingwabikorwa